


INTAMBARA IKOMEYE N'IJAMBO RY'IMANA



“Ibyanditswe Byera Byose Byahumetswe n’Imana...” 2Timoteyo 3:16
Ibyahumetswe n’Imana ni ibihe?

*“Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda
nk’abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk’abanyabwenge,
mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi. Nuko
ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye icyo Umwami wacu
ashaka.” Abefeso 5:15-17*

Ibirimo

1. Ibyanditswe Byera: Bibiliya.....	4
Intangiriro	4
2. Uko Imana Yavuganye Na Basogokuruza Mu Kanwa K'Abahanuzi Mu Bihe Byinshi No Mu Buryo Bwinshi.....	8
3. Ijambo Ry'Imana Ku Mpapuro	11
4. Ijambo ry'Imana Mu Itorero Ry'Intumwa	15
5. Intambara y'Ingeri Za Bibiliya Zitandukanye Yatangiye Ryari? 17	
Ingeri ya Bibiliya Yitiriwe Umwami Yakobo	22
Uko Amasomo Amwe n'Amwe Yagiye Ahindurwa Mu Ngeri Za Bibiliya Zitandukanye Kugira Ngo Inyigisho z'Ibinyoma Zibone Uko Zigishwa Abantu Bitagoranye.....	28
6. Umurimbuzi w'Ubugingo Bw'Abantu	99
7. Umwanzuro	101

1. Ibyanditswe Byera: Bibiliya

Intangiriro

Mu rwandiko rwa kabiri intumwa Pawulo yandikiye Timoteyo 3:16, hatangira amagambo avuga ngo: *“Ibyanditswe byera byose byahumetswe n’Imana...”*

Iyo ijamba “Ibyanditswe Byera” rivuzwe kuri benshi bahita bumva Bibiliya; kandi nta gushidikanya ni ko biri, kuko byibura abavuga ko ari abakristo bose bemera ko Ibyanditswe muri icyo gitabo ari ibyo Imana yavuze cyangwa yakoze, yaba ari ibyo yivugiye cyangwa yikoreye ubwayo cyangwa ibyo Yavugiye mu kanwa k’intumwa n’abahanuzi hamwe n’ibyo yakoresheje abagaragu bayo mu buryo bwinshi no mu bihe bitandukanye.

Hariho Imana imwe, Isumbabyose, Yaremye ijuru n’isi n’ibirimo byose. Yo ubwayo yivugiye ko idahinduka, ko uko yahoze kera n’ubu ari ko iri kandi ko ari izahora iteka ryose; nk’uko biboneka muri Malaki 3:6 no mu rwandiko rwandikiwe abaheburayo 13:8. Nyamara, hariho ingeri za Bibiliya, nk’igitabo gikubiyemo Ibyahumetswe n’Imana, nyinshi kurenza uko benshi babizi. Muri izo zose nta n’imwe yitirirwa idini runaka, uretse kuba abantu bareba imyandikire yayo bakavuga ko ihuje n’imyizerere y’idini runaka, bityo bakayitirira iryo dini. Ariko ubundi, abahindura Bibiliya bose bavuga ko ari Ibyanditswe Byera byahumetswe n’Imana, bigenewe abatuye isi yose nta vangura iryo ari ryo ryose.

Zimwe muri izo ngeri za Bibiliya twavugaga ni nka Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo (King James Bible); Bibiliya y'abajezuwiti yo mu mwaka w'1582 ari yo yaje guhinduka Duay Bible imaze gukorwamo impinduka nyinshi, akaba ari na yo yitwa Bibiliya y'abagaturika. Hari kandi n'izindi ngeri za Bibiliya nka New International Version, New King James Version, King James authorized Version, Bibiliya y'umuryango w'Abagidiyoni, Bibiliya yitiriwe Webster; Bibiliya yitwa Vulgate yo mu kilatini yanditswe na Jerome, hari na Bibiliya benshi badakunze kumenya yakoreshejwe n'umwami w'abami Constantin, bikaba bivugwa ko Vaticanus Manuscript (Codex B) bibiliya iri mu isomero rya papa I Roma ari ho ikomoka, hamwe na Sinaiticus Manuscript (Codex Aleph) Bibiliya iri I Moscow mu Burusiya zombi ari ingeri z'iyi Bibiliya y'umwami Constantin. Hari kandi Bibiliya ya New World Translation, ikoreshwa cyane n'idini ry'abahamya ba Yehova, hari American Revised version, Darby Bible, American Standard Version, World English Bible, Young's Literal Translation, Good News, hakaba na TOB (Traduction Oecuménique de la Bible), Jubilee Bible 2000 yitiriwe umwaka w'2000, Third Millennium Bible yitiriwe ikinyagihumbi cya gatatu, n'izindi nyinshi...

Bibiliya dufite mu Kinyarwanda, byanze bikunze, zikomoka muri izo ngeri za Bibiliya. Mu Kinyarwanda, ubu dufite Bibiliya Yera, ikoreshwa cyane n'amadini yiyita aya giporotesitanti. Hari kandi Bibiliya ntagatifu ikoreshwa by'umwihariko na kiliziya gaturika y'I Roma; dufite na Bibiliya y'ubuhinduzi bw'isi nshya, ikoreshwa by'umwihariko n'abahamya ba Yehova; tukagira na Bibiliya Ijambo ry'Imana, yashyizwe ahagaragara n'umuryango

wa Bibiliya mu Rwanda ku bufatanye n'amadini akorera mu Rwanda mu mwaka wa 2004 nyuma y'igihe kirekire bari bamaze bayihindura. Abantu benshi bumva ko izo Bibiliya zose nta tandukaniro zifite mu bijyanye n'amahame y'Ibyo kwizera Imana yahaye inyokomuntu, uretse gusa imyandikire y'amagambo n'imvugo zirimo zitandukanye. Ariko, mu by'ukuri uko ni ukwishuka, nk'uko tugiye kubibona. Ariko, nubwo byaba imyandikire n'imvugo byakosowe, hari ikibazo cyakwibazwa n'umuntu wese wizera ko Imana ikiranuka, itunganye mu nzira zayo zose, yo yatanze itegeko ku munara w'I Babeli hakabaho indimi nyinshi; Ni nde mu bantu babyawe n'umugore ufite ubushobozi bwo gukosora ibyo Ishoborabyose yavuze? Ni umuntu ukosora Imana cyangwa ni Imana ikosora abantu?

Kugira ngo turebere hamwe amateka y'Ibyanditswe Byera, reka twibaze iki kibazo: Mbese umugambi w'Ibyanditswe Byera ni uwuhe? Intumwa Pawulo yandikira Timoteyo mu rwandiko rwe rwa kabiri igice cya 3:15, 16, yaramubwiye ati: "Kandi uzi yuko uhereye mu buto bwawe wamenyaga ibyanditswe byera bibasha kukumenyesha ubwenge, bwo kukuzanira agakiza gaheshwa no kwizera Kristo Yesu. Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka kugira ngo umuntu w'Imana abe ashyitse, afite ibimukwiriye byose ngo akore imirimo myiza yose." Dukurikije ayo magambo, biragara ko inkomoko y'Ibyanditswe Byera ari Imana ubwayo, umugambi wabyo akaba ari agakiza k'umuntu. Nubwo iyo mirongo iduha ibyo bisubizo kandi by'ukuri,

haracyari ikindi kibazo: Hagati ya Bibiliya y'ubuhinduzi bw'isi nshya ifite nyinshi mu mvugo n'inyito by'amagambo byihariye, izindi Bibiliya zidafite, Bibiliya Ntagatifu ifite ibitabo 73 na Bibiliya Ijambo ry'Imana ifite ibitabo 75, Bibiliya Yera igizwe n'ibitabo 66, n'imyandikire y'amagambo, imvugo n'inyito bitandukanye n'izo muri Bibiliya twavuze haruguru; Ibyanditswe Byera byahumetswe n'Imana ni ibihe muri ibyo byose?

None se mu by'ukuri, kuki byabaye ngombwa ko Ibyavuzwe n'Imana byandikwa ku mpapuro? Byatangiye kwandikwa ryari, byandikwa na nde?

2. Uko Imana Yavuganye Na Basogokuruza Mu Kanwa K'Abahanuzi Mu Bihe Byinshi No Mu Buryo Bwinshi.

Kugira ngo tubone ibisubizo by'ibyo bibazo, ni ngombwa ko duhera mu itangiriro, igitabo kibanziriza ibindi mu bigize Bibiliya. Aho tuhabona inkomoko ya buri kintu cyose kiri ku isi uretse ibyahimbwe n'abantu. Umuntu wa mbere wabayeho ni Adamu na Eva. Abo bavuganaga n'Imana imbonankubone bakumva ijwi ryayo nk'uko umuntu aganira n'undi bari kumwe. icyo gihe bari batarako icyaha. Bamaze gukora icyaha, ntabwo bongeye kurebana n'Imana amaso ku maso ariko byibura, bo babashaga kumva ijwi ry'Imana atari mu iyerekwa cyangwa mu nzizi. Ibyo wabisanga mu itangiriro igice cya 2 n'icya 3. N'abana babo ba mbere Kayini n'Abeli byari uko, kuko mu itangiriro igice cya 4 ubwo kayini yicaga murumuna we abeli, Imana yaramuhamagaye arayitaba babasha kuvugana mu ijwi ryayo bidaciye mu zindi nzira. Ntabwo ari ibaruwa yamwandikiye, cyangwa ubutumwa bwazanywe n'umuhanuzi kanaka, nta n'ubwo ari iyerekwa yagize cyangwa ngo abirote mu nzizi.

Kuri Adamu na Eva n'abana babo ba mbere, ibyo ntabwo bitangaje kuko uretse kuvanwa muri Edeni, nta yindi ngaruka y'icyaha igaragarira amaso yari yakabageraho. Adamu na Eva, uretse kurya ku itunda Imana yari yarababujije nta kindi cyaha kivugwa muri Bibiliya bigeze bakora, bivuga ko batigeze bashayisha mu bibi ngo bibangize nk'uko byagendekeye ababakomotseho kugeza no kuri twebwe turiho uyu muni. Kayini na Abeli babyawe n'ababyeyi bari bameze batyo. Nta

ndwara bigeze barwara kuko isi yari itarangirika n'ibyokurya byari bikiri umwimerere. Umwuka bahumekaga wari mwiza utanduye, amazi banywaga na yo yari uko. Nta myotsi y'imodoka cyangwa iva mu nganda byangizaga ikirere n'umwuka. Nta tabi, nta nzoga, nta biyobyabwenge, nta nyama, nta sukari yo mu ruganda, nta gushayisha mu by'ubusambanyi no kwinezeza, byigeze bigera mu mibiri yabo ngo byangize ubwenge bwabo, bivuze ko n'ingingo zabo zose zakoraga neza uko bikwiriye.

Bidatinze, ayo mahirwe yo kumva ijwi ry'Imana muri ubwo buryo yaje kuyoyoka ndetse ashiraho; ku buryo Henoki uwa karindwi uhereye kuri Adamu yavuganaga n'Imana hakoreshejwe uburyo bwa gihanuzi nk'uko bigaragara mu rwandiko rwanditswe na Yuda ku murongo wa 14. Kandi icyo gihe na bwo, biragaragara neza ko ayo mahirwe atari afitwe n'abantu bose, ahubwo wari umwihariko w'abo Imana itoraniye kugira ngo ibanyuzemo ibyo ishaka kubwira abantu, na bo bakabigeza ku bantu bagenzi babo.

Ubwo Kayini yicaga murumuna we Abeli, Imana yamurariye kwihana ariko Kayini arinangira. Kuva ubwo kayini yaciye imbere y'Imana ntiyongera kuvugana na Yo ukundi, kandi n'abamukomotseho bose bakurikiza inzira ye bagomera Imana cyane kugeza ubwo byabaye ngombwa ko Imana irimbuza isi umwuzure w'amazi. Ariko na mbere y'uko icyo gihano cy'Imana gitangwa abantu babanje kuburirwa no kurarikirwa kwihana. Imana yavuganye na bo ikoresheje Nowa. Nyuma y'umwuzure abantu barongeye barororoka bakomotse kuri Nowa n'abana be

kuko ari bo bonyine bari barokotse, ubwo isi yarimbuzwaga amazi. Kuva kuri Adamu kugeza icyo gihe abantu bose bavugaga ururimi rumwe, kandi, nta gushidikanya ni na rwo Imana yavuganiragamo na bo. icyakora urwo rurimi ntiruvugwa na Bibiliya urwo ari rwo. Nta n'igihugu ku isi kizwi kivuga urwo rurimi.

Bidatinze, ubwo abakomotse kuri Nowa bagomeraga itegeko ry'Imana ryo gukwira mu isi yose, bakiyubakira umunara w'I Babeli ngo abe ari ho batura, Imana yatanze itegeko bucece nta jwi ryumvikanye, ku bw'ububasha bwayo butasha gukomwa imbere, ururimi rwabo rurasobana ruvamo indimi nyinshi bituma batatanira gukwira mu isi. Nta gushidikanya ko indimi zivugwa ubu mu bihugu binyuranye ari ho zakomotse. Bivuze ko n'indimi Bibiliya yanditsemo ari ho zakomotse.

None se, Ibyavuzwe n'Ibyakozwe n'Imana byatangiye kwandikwa ryari? Byanditswe mu ruhe rurimi? Byanditswe na nde?

3. Ijambo Ry’Imana Ku Mpapuro

Nyuma yo kugomera Imana no gutatana kw’abakomotse kuri Nowa, Imana yahamagaye Aburahamu nk’uko biboneka mu itangiriro 12, imusezeranira kumuha umugisha n’abazamukomokaho bose, ndetse imubwira ko n’amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha mu rubyaro rwe. Aburahamu yabyaye Isaka, Isaka abyara Esawu na Yakobo, Esawu yanga umurage wari ugenewe umwana w’imfura, wagombaga kugendana n’umugisha Imana yari yarasezeraniye Aburahamu, maze uwo murage n’umugisha bifatwa na Yakobo. Yakobo waje kwitwa Isirayeli yabyaye abahungu 12, ari bo bahagarariye imiryango 12 y’Abisirayeli. Abo baje gusuhukira muri Egipta n’urubyaro rwabo. Bamaze kugwira, Farawo umwami wa Egipta wari uriho yigira inama yo kubakoresha uburetwa kugira ngo batazagwira bakaba bafatanyaga n’ababisha babo kubarwanya. Ubwo buretwa babumazemo imyaka 400. Nyuma yabwo, Uwiteka Imana Ibavanayo Ibambutsa inyanja itukura mu buryo bw’igitangaza iberekeje mu gihugu cy’I Kanani ari ho hari ibihugu bya Palestine na Isirayeli ubu. Batarambuka ubutayu buri hagati y’inyanja itukura n’igihugu cy’isezerano, Imana yabajyanye muni y’umusozi wa Sinayi, Ibabwira amategeko yayo. Ariko, ubwo abantu bumvaga ijwi ry’Uwiteka Imana, bagize ubwoba bahinda umushyitsi kugeza ubwo babwiye Mose bati: “Nitwongera kumva ijwi ry’Uwiteka Imana yacu tuzapfa. Ba ari wowe wigira hafi wumve ibyo Uwiteka Imana yacu ivuga byose, utubwire ibyo Uwiteka Imana yacu iri bukubwire byose, natwe turabyumva tubyitondere.” Ibyo wabibona usomye mu gitabo cyo

Kuva cyangwa Iyimukamisiri igice cya 19 no mu gitabo cyo Gutegeka kwa kabiri cyangwa Ivugururamategeko igice cya 5.

Icyifuzo cy'Abisirayeli cyarasubijwe, Mose azamuka umusozi wa Sinayi ajya kuvugana n'Imana. Mu gitabo cyo Kuva cyangwa Iyimukamisiri igice cya 31:18, handitswe ngo: "Amaze kuvuganira na Mose ku musozi Sinayi, Uwiteka amuha ibisate by'amabuye bibiri, biriho Ibihamya byandikishijwe urutoki rw'Imana." Aya magambo Mose yongeye kuyasubiriramo Abisirayeli nyuma y'Imyaka 40 yo kuzerera mu butayu ubwo bari hafi kwambuka bajya I Kanani, kuko abari barabwiwe ibyo n'Imana bari barapfiriye mu butayu hasigaye ababakomotseho. Yarababwiye ati: "Nazamuwe uwo musozi no guhabwa bya bisate by'amabuye, ibisate biriho isezerano Uwiteka yasezeranye namwe, mara kuri uwo musozi iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine, ntarya umutsima, ntanywa n'amazi. Uwiteka ampa ibyo bisate bibiri by'amabuye byandikishijweho urutoki rw'Imana, byanditsweho amagambo yose Uwiteka yababwiriye kuri uwo musozi ari hagati mu muriro, kuri wa munsu w'iteraniro." Aya magambo aboneka mu gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri igice cya 9:9, 10.

Ikibazo kibaza ngo: "Ni nde wanditse bwa mbere ibyavuzwe n'Imana?" Kibonewe igisubizo: Ni Imana ubwayo. Ni Yo Yanditse ibyo yavuze, n'urutoki rwayo. icyakora ntabwo yabyanditse ku mpapuro ahubwo yabyanditse ku bisate bibiri by'amabuye. Ayo ni amategeko icumi y'Imana aboneka mu Kuva cyangwa Iyimukamisiri igice cya 20. Ibindi byavuzwe na yo muri icyo gihe byose, birimo amategeko yagombaga kugenga imibereho yabo

byanditswe na Mose abibwirijwe n’Imana. Maze, ubwo Mose yari hafi gupfa ateguka abatambyi ko bazajya babisomera Abisirayeli buri myaka irindwi. Byagombaga gusomerwa abagabo n’abagore n’abana bato n’umunyamahanga w’umusuhuke; nk’uko biboneka mu gitabo cyo Gutegeka kwa Kabiri cyangwa Ivugururamategeko igice cya 31. Bivuze ko byarebaga buri muntu wese yaba umwisirayeli cyangwa umunyamahanga, umugabo, umugore ndetse n’abana bato.

Kuva icyo gihe, ibyo Imana yavugaga cyangwa yakoraga ikoreshehe abahanuzi n’abandi bagaragu bayo, byarandikwaga. Kuva kuri Mose wanditse ibitabo byitwa iby’amategeko cyangwa “Torah” mu giheburayo, ari byo bitabo bitanu bibanza muri Bibiliya, kugeza kuri Malaki umuhanuzi wanditse igitabo giheruka ibindi mu Isezerano rya Kera, banditse bakurikije ayo mabwiriza yatanzwe n’Imana, nk’uko byagenze kuri Mose. Mu rwandiko rwa kabiri rwanditswe na Petero igice cya 1:21, turahabona ubuhamya buvuga ngo: “Nta buhanuzi bwazanywe n’ubushake bw’umuntu, ahubwo abantu b’Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n’Umwuka Wera.” Bivuze ko ibyo banditse bifite agaciro kamwe n’ibyavuzwe n’ijwi ry’Imana ubwayo.

Abahawe ibyavuzwe n’Imana mu buryo bw’inyandiko bwa mbere, ni Abisirayeli bavugaga kandi n’ubu bavuga ururimi rw’igiheburayo. Bivuga ko n’inyandiko z’umwimerere z’ibyavuzwe n’Imana mu Isezerano rya Kera byanditswe muri urwo rurimi. Nta gushidikanya na gucyeye guhari kuri iyo ngingo.

Mu gihe Yesu yari ari hano ku isi, iyo Abisirayeli bavugaga ijamba “Ibyanditswe Byera” babaga bavuze ibitabo 39 byo mu Isezerano rya Kera. Gusa muri Bibiliya y’igiheburayo habonekamo ibitabo 24, kuko nk’ibitabo bitanu bya Mose biba ari igitabo kimwe ariko gifite ibyo bice bitanu byose; n’ibitabo bigaragara muri Bibiliya dukoresha byitwa igitabo cya mbere n’icya kabiri cy’umuhanuzi kanaka, muri Bibiliya y’igiheburayo ho cyiba ari igitabo kimwe ariko gifite ibyo bice byose.

4. Ijambo ry'Imana Mu Itorero Ry'Intumwa

Isezerano rishya, ni ukuvuga ibitabo 27 bigizwe n'ubutumwabwiza cyangwa ivanjiri enye, inzandiko, hamwe n'igitabo cy'Ibyahishuwe byanditswe bwa mbere mu rurimi rw'ikigereki. Kuki byanditswe mu kigereki, ntibyandikwe mu giheburayo cyangwa mu rurimi rw'urunyarameya rwakoreshwaga na Yesu n'abigishwa be, kandi bari n'abaheburayo? Impamvu irumvikana neza: ururimi rw'ikigereki ni rwo rwakoreshwaga n'abantu benshi ku isi muri icyo gihe; kandi ubwo abayuda bari bamaze kwicisha Sitefano amabuye, habayeho akarengane kibasiye intumwa n'abigishwa ba Yesu maze batatanira mu mahanga. Bityo rero, nk'abari bafite inshingano bahawe n'Umwami Yesu yo kubwiriza ubutumwa bwiza mu mahanga yose, bandikaga ubutumwa bwabo bakoresheje ururimi rwakoreshwaga cyane mu mahanga yose. *Reka dutange urugero: Uyu munsu, Yesu aramutse ari umunyarwanda ku mubiri agaha abanyarwanda inshingano nk'iyi, ntabwo twakwandika ubutumwa tugomba kugeza ku isi yose mu Kinyarwanda, ahubwo wenda twabwandika nko mu rurimi rwitwa mandarin, ubu ruvugwa n'abantu basaga miliyari imwe ku isi, cyangwa tukabwandika mu rurimi rw'icyongereza, ubu ruvugwa n'abantu basaga miliyoni 508 ku isi kandi akaba ari rwo rurimi rwa mbere rukoreshwa n'ibihugu byinshi nk'ururimi rw'igihugu (official language/langue officielle). Bitabaye bityo byadusaba kubanza kwigisha abatuye isi ikinyarwanda mbere y'uko tubigisha ubutumwa bwiza, byibura kikamenywa n'abantu bangana n'abazi*

icyongereza. Ntabwo Mwuka Muziranenge wakoreshaga intumwa yari kubemerera gukora ikosa nk'iryo.

5. Intambara y’Ingeri Za Bibiliya Zitandukanye Yatangiye Ryari?

Yohana ni we ntumwa ya Yesu yapfuye bwa nyuma. Urupfu rwe rushyirwa ahagana mu mwaka w’100 nyuma ya Kristo. Mu gihe yari akiriho, ntabwo ubuhakanyi bwashoboraga kwinjira mu itorero ku buryo bworoshye. Ariko, Yohana amaze gupfa hadutse abigisha benshi b’ibinyoma nk’uko byari byarahanuwe n’intumwa Pawulo abyandikira Timoteyo. Bane muri abo bigisha bari bakomeye, inyigisho zabo zagize uruhare rukomeye mu kwimakaza amahame apfuye mu bizera, kandi, bwa mbere habaho guhindura Ibyanditswe mu buryo bupfuye bikozwe n’abo bigisha b’ibinyoma. Ntabwo byari byoroshye gukumira abo bigisha b’ibinyoma, kuko bari abantu bize kandi bashimwaga; uretse gusa abantu babaga bariyemeje gushikama batajenjetse ku mahame y’Ibyanditswe Byera nk’Abawalidense, aho amateka agaragaza ko ibisekuru byabo bihera mu mwaka w’120 nyuma ya Kristo, nubwo bamwe bavuga ko batangiranye na Peter Waldo watangiye umurimo we ahagana mu mwaka w’1175. Ariko amateka y’uburyo bahererekanije Ibyanditswe Byera by’umwimerere agaragaza ko babayeho igihe gito nyuma y’intumwa za Yesu.

Amazina y’abo bigisha bane bagize uruhare rukomeye mu guhindura Ibyanditswe mu buryo bupfuye ni: 1. Justin Martyr, 2. Tatian, 3. Clement of Alexandria, 4. Origen. Aba bese bari abantu bize kandi bagaraga ko bafite umuhati mu by’idini. Nk’urugero uyu Tatian yahinduye ibitabo bine by’ubutumwa bwiza bwa Yesu

byo mu isezerano rishya, ariko abihindura mu buryo bwagorekaga amhame shingiro y'ukwizera kw'intumwa n'abahanuzi, ku buryo byabaye ngombwa ko umuyobozi wayoboraga itorero ry'abari barakiriye ubutumwa bwiza muri Syria ajugunya bene izo bibiliya zahinduwe na Tatian zoo azivana mu itorero yayoboraga, kuko abizera bari bari kuyifata nka Bibiliya y'umwimerere y'ubutumwa bwiza, bigatuma bayoba. Uwo yari umurinzi muzima.

Origen ni we wagize uruhare rukomeye mu kwangiza amahame nyakuri y'Ibyanditswe Byera. Uyu mugabo yari afite umwihariko w'uburyo yasobanuraga Ibyanditswe Byera, akavuga ko uko amagambo yanditse muri Bibiliya bitagomba gufatwa gutyo, ko ahubwo hirya yabyo haba hari ubundi busobanuro yitaga ubw'umwuka. Nyamara iryo hame yagenderagaho nta hantu na hamwe rigaragara muri Bibiliya, kandi no mu ntumwa za Yesu n'abahanuzi, nta n'umwe wigeze akoresha iryo hame mu kwigisha cyangwa gusobanura Ibyanditswe Byera. Iyo nyigisho ye yateje akaga gakomeye mu myigire n'imyigishirize y'Ibyanditswe Byera kugeza n'uyu muni.

Jerome wahinduye Bibiliya akayishyira mu rurimi rw'ikilatini yagendeye cyane kuri Origen. Iyo Bibiliya yahinduwe na Jerome ni yo ngeri ya Bibiliya yitwa Vulgate.

Mu mwaka wa 312 ni bwo umwami w'abami Constantin yagiye ku ngoma y'ubwami bwa Roma. Hashize igihe gito avuga ko na we yemeye kuba umukristo. Mu gihe yabaga umukristo yasanze hari ingeri eshatu za Bibiliya zihanganye, ari zo: Textus

Receptus ari yo Bibiliya yari yanditse mu ndimi z’umwimerere, ni ukuvuga Isezerano rya Kera mu giheburayo n’Isezerano Rishya mu kigereki, kandi izo nyandiko zari zimeze nk’uko intumwa n’abahanuzi bazisize; hakaba n’ingeri yitwaga Palestinian yanditswe na Eusebius ayivanye ku yari yarahinduwe na Origen ari na yo bitaga Eusebio-Origen, hakaba n’ingeri yitwaga Egyptian yanditswe na Hesychius. Abayoboke ba buri ngeri yose muri izo eshatu bavugaga ko iyabo ari yo iruta izindi. Ariko izari zihanganye cyane ni Textus Receptus na Eusebio-Origen. Kandi Bibiliya zose ziriho ubu mu isi, itarakomotse kuri Textus Receptus yakomotse kuri Eusebio-Origen.

Abari bashyigikiye Bibiliya ya Textus Receptus bari abantu boroheje baharaniraga gukurikiza urugero rw’itorer rya mbere. Bibiliya ya Eusebio-Origen yo, yari yarabayeho iturutse mu kuvanga ijambo ry’Imana na philosophie y’abahanga b’abagereki nka ba Plato, Socrate, Aristote n’abandi.

Nk’umwami w’abami wari umaze guhinduka umukristo, Constantin yagombaga guhitamo Bibiliya agomba gukoresha. Birumvika ko yagombaga guhitamo iyanditswe n’abanyabwenge, ari yo Eusebio-Origen yanditswe na Origen igakosorwa na Eusebius. Na Constantin ubwe, yari umuyobozi w’umunyabwenge, bityo rero yashakaga guhuza ubukristo n’ubwami bwe bwa Roma bwari bwiganjemo abaturage bari bafite imyizerere ya gipagani. Umwami Constantin yasabye Eusebius ko yamucapira Bibiliya 50 z’iyo ngeri ya Bibiliya Eusebio-Origen. Vaticanus Manuscript (Codex B), Bibiliya iri mu

isomero rya papa I Roma, na Sinaiticus Manuscript (Codex Aleph), Bibiliya iri I Moscow mu Burusiya ni ubwoko bw'iyo ngeri ya Bibiliya, ndetse byemerwa n'abantu ko izo Bibiliya ebyiri ari zimwe muri 50 Eusebius yandikiye Constantin.

Mu kinyejana cya 16, igihe ubugorozi bwa giporotesitanti bwatangiraga, abaporotesitanti bahakanaga inyigisho z'I Roma banze kwemera Bibiliya yatoranijwe n'umwami Constantin, ari yo Eusebio-Origen, na Vulgate yanditswe na Jerome . Kuva ubwo, abagorozi batangira gushaka Bibiliya y'umwimerere y'Isezerano rya Kera mu giheburayo n'Isezerano Rishya mu kigereki. Mu mwaka w'1516, Desiderius Erasmus umugorozi w'umuholande, yashyize ahagaragara Ibyanditswe Byera by'Isezerano Rishya mu kilatini abikuye mu nyandiko z'umwimerere z'ikigereki. Mu mwaka w'1522, Martin Luther umugorozi w'umudage, wari umupadiri muri kiliziya gaturika yahinduye isezerano rishya mu rurimi rw'ikidage yifashishije iyo Bibiliya yahinduwe na Erasmus. Mu mwaka w'1526, Tyndale, ni we washyize iyo Bibiliya bwa mbere mu rurimi rw'icyongereza. Kugeza icyo gihe, izo Bibiliya zose zari Isezerano Rishya gusa. Abantu bamaze gusoma iyo Bibiliya mu ndimi zabo baratangaye cyane. Imihango n'imigenzo byakorwaga n'abihaye Imana byatangiye guta agaciro mu bantu, kuko nta hantu na hamwe muri Bibiliya byagaragaraga ko byakomotse ku Mana, ndetse bigaragara ko n'intumwa zitigeze zibigenderamo.

Mu rwego rwo gukoma imbere umurimo w'ubugorozi, papa Pawulo wa III, wari umushumba wa kiliziya gaturika muri ibyo

bihe, yahamagaje inama yo ku rwego rwo hejuru muri kiliziya gaturika yiswe «Concil de Trente» yabereye mu majyaruguru y'Ubutaliyani kuva mu mwaka w'1546 kugeza mu mwaka w'1563. Muri iyo nama ni ho hafatiwe umwanzuro w'uko ibitabo byo mu rwego rwa kabiri, byitwa «Apocrypha» byongerwa ku bitabo by'isezerano rya kera kandi na byo bigafatwa nk'Ibyanditswe Byera byahumetswe n'Imana. Ariko uwo wari umwanzuro w'abayobozi ba kiliziya gaturika mu rwego rwo kurwanya umurimo w'abagorozi b'abaporotesitanti. Kuko imihango n'imigenzo abagorozi b'abaporotesitanti barwanyaga yashoboraga gushyigikirwa hifashishijwe ibyo bitabo bongeyeho. Amwe muri ayo mahame ni nk'irya purigatori, gusenga abatagatifu, gusengera abapfuye, n'ayandi nk'ayo. Ayo mahame ushobora kubona uko uyashyigikira uramutse wifashishije gusa isomo riri mu gitabo cya kabiri cy'abamakabe igice cya 12:38-45. Abatazi kureba muri Bibiliya bakoresheje ibice n'imirongo, mwareba muri Bibiliya ntagatifu kuri paje 836, 837 ahari umutwe w'amagambo avuga ngo: «Igitambo cyo gusabira abapfuye»; muri Bibiliya Ijambo ry'Imana mwareba mu gice cyayo kitwa «Ibitabo byo mu rwego rwa kabiri» kuri paje 242 ahari umutwe w'amagambo na yo avuga ngo: «Igitambo cyo gusabira abapfuye»

Concile de Trente yarangiye mu mwaka w'1563. Hashize imyaka 19 iyo nama irangiye, umuryango w'abajezuwiti washyize ahagaragara Bibiliya mu rurimi rw'icyongereza. Iyo Bibiliya yaje gukorwaho impinduka nyinshi maze ihindika Duay Bible cyangwa Catholic Bible. Ingeri za Bibiliya hafi ya zose zikoreshwa muri kiliziya gaturika zikomoka kuri iyo Bibiliya y'abajezuwiti yo

mu mwaka w'1582. Nta gushidikanya ko na Bibiliya ntagatifu dufite mu kinyarwanda ari ho yakomotse.

Ingeri ya Bibiliya Yitiriwe Umwami Yakobo

Mu mwaka w'1534, igihugu cy'ubwongereza cyari cyaritandukaniye na kiliziya y'i Roma, gishyiraho irindi dini ryiswe «The church of England», ubu rizwi nk'itorero ry'Abangilikani; ryayoborwaga ku rwego rw'ikirenga n'umuwami w'ubwongereza. Ariko na ryo imisengere n'imyizerere yaryo ntaho yari itandukaniye n'iya kiliziya y'i Roma, kuko mu gutandukana kwabo byari byatewe n'ikibazo cya politiki kurenza uko cyari ikibazo cy'imyizerere. icyakora, itorero ry'ubwongereza ryateye inkunga ikomeye abagorozi b'abaporotesitanti.

Mu mwaka w'1603, ni bwo umwami Yakobo VI yabaye umwami w'ubwongereza burihamwe bwose, bityo mu mwaka w'1604 yitwa umwami Yakobo I, kuko ari wari uyoboye bwa mbere ibice byose by'ubwami bw'ubwongereza biri hamwe nk'ubwami bumwe.

Mu rwego rwo guhangana n'amahame y'ibinyoma yari yarakwirakwijwe na Bibiliya yahinduwe n'abajezuwiti igashyirwa ahagaragara mu mwaka w'1582, abavugabutumwa b'abaporotesitanti bandikiye umwami Yakobo bamusaba ko Bibiliya yahindurwa bundi bushya. Dr. Reynolds wari umuvugizi wabo yasabye ko habaho ubuhinduzi bushya bwa Bibiliya idafite commentaire n'imwe, ni ukuvuga ubusobanuro umwanditsi ashobora kwishyiriraho, ahubwo igahindurwa nk'uko iri ivanywe

mu ndimi z’umwimerere. Mu myaka 300 yari ishize, abagorozi bari barize cyane ku buryo abantu benshi batangariraga ubuhanga bwabo. Urugero ni nka Melanchton wakoranye cyane na Martin Luther. Uwitwa Hallam yavuze ko Melanchton ari we washyizeho urufatiro rw’ibijyanye n’imyigire mu burayi bwose bakoresheye. Ibitabo Melanchton yanditse byigishaga ururimi rw’ikilatini byanakoreshwaga mu mashuri ya kiliziya gaturika. Undi muntu mu bagorozi b’abaporotesitanti wari ufite ubuhanga butangaje yitwa «Cartwright», yari afite ubuhanga butangaje mu kumenya indimi ku buryo umwe mu bahinduye ingeri ya Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo yavuze ko iyo aza kuba ari ku munara w’i babeli igihe indimi zasobanaga, yari kubabera umusemuzi bwose ; (ashobora kuba yarabivuze ashaka kugaragaza ubuhanga bwe mu ndimi kuko kuba ku munara w’i babeli byo ntibyashoboka).

Mu rwego rwo gusubiza icyifuzo cy’abavugabutumwa b’abaporotesitanti bari bamugejejeho, umwami Yakobo yatoraniye abantu 47 bo mu bwami bwe bari bazi neza ururimi rw’igiheburayo n’ururimi rw’ikigereki. Abo bagabo, uretse kuba bari barize ari abahanga bo ku rwego rwo hejuru hari ikindi kintu bari bafite kirenze kugira amashuri ahambaye: Bari baranyuze mu mubabaro ukomeye, bari baremeye gutanga ubuzima bwabo kubera ukuri bakundaga. Uwitwa McClure Yaravuze ati: «Muri iki gihe cy’iterambere amashuri makuru yose yo mu Bwongereza n’ayo muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika, ntashobora kubona abantu bafite ubushobozi nk’aba bagabo bahinduye ingeri ya Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo. Akomeza agira ati: ‘Ntabwo

bishoboka ko ubu twabona itorero na rimwe ryabona abantu rishobora kubona abantu bagirirwa icyizere gisesuye n'abantu bose nk'icyo abantu bagiriye aba bagabo 47'

Abo bagabo bamaze gutoranywa, bagabanijwemo amatsinda atatu: itsinda rya mbere ryakorera ahitwa Cambridge, itsinda rya kabiri ryakorera ahitwa Oxford, naho irya gatatu rigakorera ahitwa Westminster. Buri tsinda ryose muri ayo na ryo ryigabanijemo kabiri, bityo yose aba amatsinda atandatu. Bibiliya yo mu giheburayo yari igizwe n'Isezerano rya Kera hamwe na Bibiliya yo mu kigereki yari igizwe n'Isezerano Rishya, zagabanijwemo imigabane itandatu. Buri tsinda ryose muri ayo atandatu rihabwa umugabane waryo ryagombaga guhindura mu cyongereza. Buri muntu wese mu bagize itsinda yakoraga ukwe. Iyo yarangizaga ibyo bamuhaye guhindura, yabigezaga kuri buri muntu wese mu bagize itsinda, bose bakabisuzuma. Iyo itsinda ryarangizaga guhindura kimwe mu bitabo biri muri Bibiliya, bacyoherezaga mu rindi tsinda rikagisuzuma. Iyo hari aho babonaga batanyuzwe n'uko hahinduwe barahandikaga, bagashyiraho n'impamvu bahashidikanije, maze bagasubiza icyo gitabo mu itsinda ryagihinduye. Iyo batabyumvikanagaho, icyo kibazo cyashyirwaga mu nama rusange y'abayobozi b'amatsinda akaba ari ho gikemukira. Iyo babonaga hari aho bafite urujijo, icyo bahamagazaga abantu bose b'abanyabwenge bo mu bwami bw'ubwongereza bakabandikira inzandiko zo kubatumiza kugira ngo bafatire hamwe umwanzuro.

Uwo murimo wabatwaye imyaka irindwi, kuva mu mwaka w'1604 kugeza mu mwaka w'1611. Kugeza uyu munsi, uretse inyandiko z'umwimerere z'Isezerano rya Kera mu giheburayo n'Isezerano Rishya mu kigereki, Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo (King James Version) ni yo Bibiliya isi ifite itarigeze igorekwa haba mu myandikire y'amagambo cyangwa mu busobanuro bwayo. icyakora na yo ntiyabuze kugabwaho ibitero kuko ubu, hariho ingeri za Bibiliya ziyitirira umwami Yakobo, banyiri kuzandika bavuga ko ari ingeri zitiriwe umwami Yakobo zirimo icyongereza kijyanye n'igihe tugezemo, nyamara bakabikora bashaka kubona uko bashyigikira ibyo bizera kuko muri Bibiliya y'umwimerere iyo myizerere yabo idashobora kubonamo ibiyishyigikira. Izo ni nka American King James Version, Children' King James Version, Divine Name King James Version, King James 2000 Version, n'izindi nyinshi muzabona zibiyitirira.

Ushobora kwibaza impamvu abantu baba bazi ukuri nk'uko, nyamara bagakomeza guhindura Bibiliya nabi. Impamvu ya mbere, ni umugambi wa Satani ko abantu batamenya ukuri nk'uko kuri. Indi mpamvu, ni uko amadini menshi adashaka gushyigikira ukuri kwa Bibiliya ahubwo ashaka ko Bibiliya ishyigikira ibyo bo bemera ko ari ukuri. Urugero twarubonye kuri Bibiliya y'abajezuwiti yashyizwe ahagaragara mu mwaka w'1582, irimo ibitabo bitaboneka mu nyandiko z'umwimerere kugira ngo babone uko bashyigikira imihango n'imigenzo by'idini yabo. Urundi rugero ni urwa Bibiliya yitwa New World Translation, cyangwa Ubuhinduzi bw'Isi Nshya. Bitewe n'uko abayihinduye batemera ko Yesu ari Imana, amasomo yose agaragaza iryo

hamwe ry'ubumana bwa Yesu yavanywemo cyangwa yangikwa mu bundi buryo. Nk'urugero: isomo riri mu Abafilipi 2:11 muri Bibiliya Yera riravuga ngo: "Kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe." Uko ni na ko byanditse muri ngeri ya Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo. Muri Bibiliya y'ubuhinduzi bw'isi nshya ryanditse muri ubu buryo: "Kandi indimi zose zimenyekanishe mu ruhame ko Yesu Kristo ari Umwami, kugira ngo Imana Data ihabwe ikuzo." Irindi somo ni iriri muri Yohana 1:1 muri Bibiliya Yera riravuga ngo: "Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana." Uko ni na ko byanditse muri ngeri ya Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo. Muri Bibiliya y'ubuhinduzi bw'isi nshya ryanditse muri ubu buryo: "Mu ntangiriro Jambo yariho, Jambo yari kumwe n'Imana, kandi Jambo yari imana." Ku muntu utwumva, ashobora kumva nta tandukaniro ririmo. Ariko ku muntu ufite iyo Bibiliya agasoma iryo somo ahita abona itandukaniro rikomeye: iyo bavuze ngo "Jambo yari kumwe n'Imana," iyo Mana bayandikisha 'I' y'inyuguti nkuru, bivuze ko ari Imana rurema; hanyuma bavuga ngo: "kandi Jambo yari imana," iyo mana bayandikisha 'i' ngufi, bisobanura ikigirwamana. Ushobora kumva ko ntacyo bitwaye, ariko ababikora bazi icyo baba bakoze, kandi Satani azi ingaruka ziba ku bugingo bw'umuntu iyo adahawe ukuri kw'Ibyanditswe Byera nk'uko kuri. Izo ni ingero nkeya, hari n'ibindi byinshi.

Kuri Bibliya zose dufite mu Kinyarwanda, ni ukuvuga Bibiliya Ntagatifu, Bibiliya Yera, Bibiliya y'Ubuhinduzi bw'Isi Nshya, na Bibiliya Ijambo Ry'Imana, nta n'imwe yahinduwe mu

buryo butaziguye ikuwe mu nyandiko z'umwimerere z'igiheburayo z'Isezerano Rya Kera n'iz'ikigereki z'Isezerano Rishya. Bibiliya Ntagatifu ikomoka kuri Bibiliya y'abajezuwiti yo mu mwaka w'1582 yari ifite ibitabo 72, nk'uko twabonye aho byakomotse. Bibiliya Yera yatugezeho guhera mu mwaka w'1914, ubwo umuryango wa Bibiliya wo mu Bwongereza wacapiraga abanyarwanda ubutumwa bune, ni ukuvuga ubutumwabwiza uko bwanditswe na Matayo, Mariko, Luka, na Yohana. Ukurikizaho ingingo zimwe na zimwe zo muri Bibiliya, ucapa n'isezerano rishya. Mu mwaka w'1957, ni ho Bibiliya Yera irimo ibitabo 66 yasohotse mu icapiro. Bibiliya y'ubuhinduzi bw'Isi Nshya ikomoka kuri New World Translation yahinduwe n'itorero ry'abahamya ba Yehova, guhera ku itariki 02/12/1947. Igizwe n'ibitabo 66. Mbere y'iyi tariki abahamya ba Yehova bakoresheje ingeri ya Bibiliya yitiriwe umwami yakobo. Hakaza na Bibiliya Ijambo ry'Imana yasohotse mu icapiro mu mwaka wa 2004. Igizwe n'ibitabo 75. Abayisobanuye bavuga ko bashakaga gushyira Bibiliya mu Kinyarwanda cy'ubu. Niba ariko biri se, ibitabo 9 byongewe ku Isezerano rya Kera na byo byatewe n'ikinyarwanda cy'ubu? None se mu Kinyarwanda cy'ubu, ari cyo bavuga ko Bibiliya Ijambo ry'Imana yanditse, ni ngombwa ko Yesu yitwa ikigirwamana cyangwa umwana w'ikigirwamana, mu gihe mu Kinyarwanda bita icya kera Bibiliya Yera yanditswemo Yesu yitwa Umwana w'Imana, ndetse ko ari Imana? (Yohana 1:1; Daniyeli 3:25; Abafilipi 2:11; Yesaya 9:5; etc...)

Uko Amasomo Amwe n'Amwe Yagiye Ahindurwa Mu Ngeri Za Bibiliya Zitandukanye Kugira Ngo Inyigisho z'Ibinyoma Zibone Uko Zigishwa Abantu Bitagoranye

Bibiliya zakoreshejwe ni izi zikurikira:

HL: Holy Bible (Bibiliya yera yo mu 1993)

NIV: The New International Version (Bibiliya nshya mpuzamahanga yo mu 1984)

ASV: The American Standard version (Bibiliya yemewe y'abanyamerika yo mu 1901)

RSV: The Revised Standard Version (Bibiliya yemewe ivuguruye yo mu 1952)

DRA: The Douay Rheims American version (Duwe Reyimuzi y'abanyamerika yo mu 1899)

KJV: King James Version (Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo yo mu 1611)

NASB: The New American Standard Bible (Bibiliya nshya yemewe y'abanyamerika yo mu 1977)

MOFF: The New Testament a New Translation by James Moffatt (Isezerano rishya isemurwa rishya ryakozwe na Yakobo Mofati yo mu 1950)

UKO ISOMO RYANDITSE MU NGERI YA BIBILIYA YITIRIWE UMWAMI YAKOBO YO MU 1611 (King James Version) (Mu cyongereza)	UKO RYANDITSWE MU ZINDI NGERI ZA BIBILIYA ZITANDUKANYE (Mu cyongereza)	IMPINDUKA ZAKOZWE KURI BURI SOMO NKUKO BIBONEKA MU NGERI ZA BIBIRIYA ZITANDUKANYE N’UMUGAMBI WIHISHE MU IHINDURWA RYAKOZWE NYUMA
1 John 5:7 For there are three that bear record in heaven, the Father, the Word, and the Holy Ghost: and these three are one.	NIV: 1Jo 5:7 For there are three that testify:	1 Yohana 5:7 KJV: Kuko hariho batatu bandika raporo mu ijuru, Data, Jambo na Mwuka wera: kandi aba batatu ni umwe. HL/NIV: Kuko hariho batatu bahamya. INGARUKA ZATEWE N’IYI MPINDUKA: iri somo rihamya mu buryo bwuzuye kubaho k’ubutatu bwera. Abahinduye bibiliya nyuma barikuyemo kugira ngo bajye babona uko bigisha ko Jambo na Mwuka wera batari mu bagize ubutatu bw’Imana.

1 Corinthians 5:7 Purge out therefore the old leaven, that ye may be a new lump, as ye are unleavened. For even Christ our passover is sacrificed for us:	ASV: 1Co 5:7 Purge out the old leaven, that ye may be a new lump, even as ye are unleavened. For our passover also hath been sacrificed, [even] Christ:	1 Abakorinto 5:7 KJV: Nuko nimwiyezeho umusemburo wa kera kugira ngo mube irobe rishya, mube mutakirimo umusemburo wa kera koko kuko na Kristo pasika yacu yadutambiwe. ASV: Nuko nimwiyezeho umusemburo wa kera kugira ngo mube irobe rishya, mube mutakirimo umusemburo wa kera koko kuko Pasika yacu yatambwe, na Kristo. INGARUKA ZATEWE N'IYI MPINDUKA: ntabwo bigaragara ko pasika yacu yatambwe ari Kristo. Kubw'ibyo rero, twaba dufite uburenganzira bwo gukomeza kwizihiza pasika; nyamara ibyo ni ikinyoma.
2 Thessalonians 2:2 That ye be not soon shaken in mind, or be troubled,	RSV: 2Th 2:2 not to be quickly shaken in mind or excited, either by spirit or by word, or by letter	2 Abatesalonike 2:2 KJV: kugira ngo mutanamuka vuba mukava mu bwenge cyangwa ngo muhagarike imitima, naho mwaba

neither by spirit, nor by word, nor by letter as from us, as that the day of Christ is at hand.	purporting to be from us, to the effect that the day of the Lord has come. NIV: 2Th 2:2 not to become easily unsettled or alarmed by some prophecy, report or letter supposed to have come from us, saying that the day of the Lord has already come. NRSV: 2Th 2:2 not to be quickly shaken in mind or alarmed, either by spirit or by word or by letter, as though from us, to the effect that the day of the Lord is already here.	mubitewe n'umwuka cyangwa n'ijambo cyangwa n'urwandiko rukekwa ko ruvuye kuri twe, bihamya yuko umunsi w'Umwami wacu uri hafi. RSV/NIV/NRSV: kugira ngo mutanamuka vuba mukava mu bwenge cyangwa ngo muhagarike imitima, naho mwaba mubitewe n'umwuka cyangwa n'ijambo cyangwa n'urwandiko rukekwa ko ruvuye kuri twe, bihamya yuko umunsi w'Umwami wacu umaze gusohora. INGARUKA ZATEWE N'IYI MPINDUKA: bahakanye ko ibyari kuba (bitewe n'umwuka cyangwa ijambo cyangwa urwandiko rukekwa ko ruvuye kuri Pawulo) byari ibihamya by'uko umunsi w'Umwami wacu uri hafi, ahubwo bigisha ko byaba ari igihamya cy'uko uwo munsi waba waramaze gusohora kandi iyo ni inyigisho y'ikinyoma kuko ntawuzi
--	---	---

		umunsi cyangwa igihe byo kugaruka kwa Yesu.
Titus 2:13 Looking for that blessed hope, and the glorious appearing of the great God and our Saviour Jesus Christ;	RSV: Tit 2:13 awaiting our blessed hope, the appearing of the glory of our great God and Savior Jesus Christ, ASV: Tit 2:13 looking for the blessed hope and appearing of the glory of the great God and our Saviour Jesus Christ;	Tito 2:13 KJV: dutegereje ibyiringiro by'umugisha, no kuzaboneka kuzuye icyubahiro kw'Imana ikomeye n'umukiza wacu Yesu Kristo. HL/RSV/ASV: dutegereje ibyiringiro by'umugisha, ari byo kuzaboneka k'ubwiza bwa Yesu Kristo, ari we Mana yacu ikomeye n'Umukiza. INGARUKA ZATEWE N'IYI MPINDUKA: bahakanye ko Yesu azaza mu buryo bw'icyubahiro cy'Imana, maze bigisha ikinyoma kivuga ko tuzabona ubwiza bwe gusa ubwo azaba agarutse. Icyo bari bagendereye muby'ukuri ni uguhakana ubumana bwa Yesu Kristo.
Revelation 1:7 Behold, he cometh with clouds; and	RSV:Rev 1:7 Behold, he is coming with the clouds, and every	Ibyahishuwe 1:7 KJV: Dore arazana n'ibicu kandi amaso yose azamureba,

